Repubulika y'u Rwanda

Minisiteri y'Uburezi

# ITANGAZO RIHAMAGARIRA IMIRYANGO IFITE ABABO BAZIZE JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI BAKORAGA MURI MINISITERI Y'UBUREZI KWITABIRA IGIKORWA CYO KUBIBUKA.

Muri iki gihe twibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994, Minisiteri y'Uburezi ifatanyije n'Ibigo biyishamikiyeho bazibuka abakozi bakoraga mu zahoze ari Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye, Minisiteri y'Amashuri Makuru, Ubushakashatsi n'Umuco hamwe n'abandi bakozi b'ibigo by'izo Minisiteri bakoreraga imirimo itandukanye i Remera na Kicukiro kuri IMPRISCO.

Iki gikorwa giteganyijwe tariki 23 Mata, 2025, guhera saa sita z'amanywa (12h00) kugeza saa kumi (16h00) ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Kigali mu Murenge wa Gisozi, mu Karere ka Gasabo.

Muri urwo rwego, Minisiteri y'Uburezi itumiye abantu bose babuze ababo bakoraga mu bigo tumaze kuvuga hejuru, kuzaza kwifatanya nayo muri iki gikorwa cyo kubibuka.

Minisiteri y'Uburezi iboneyeho kwihanganisha Abanyarwanda n'imiryango yabuze ababo bakoraga mu burezi by'umwihariko.

Bikorewe i Kigali, kuwa 11/04/2025

MINISTRY OF EDUCATION

**Joseph Nsengimana**
Minisitiri w'Uburezi

B. P. 622, Kigali Email: info@mineduc.gov.rw Hotline: 2028